



Umwaka wa 65
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 10/03/2026

Year 65
Official Gazette n° Special of
10/03/2026

65^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
10/03/2026

Ibirimo/ Summary/ Sommaire

page/ urup

Itegeko/ Law/ Loi

Itegeko n° 014/2026 ryo ku wa 06/03/2026 rigenga ikoreshwa ry'umuhanda	2
Law n° 014/2026 of 06/03/2026 governing road traffic.....	2
Loi n° 014/2026 du 06/03/2026 régissant la circulation routière.....	2

<p>ITEGEKO N° 014/2026 RYO KU WA 06/03/2026 RIGENGA IKORESHWA RY'UMUHANDA</p>	<p>LAW N° 014/2026 OF 06/03/2026 GOVERNING ROAD TRAFFIC</p>	<p>LOI N° 014/2026 DU 06/03/2026 RÉGISSANT LA CIRCULATION ROUTIÈRE</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Law</u></p>	<p><u>Article premier : Objet de la présente loi</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Isobanura</u></p>	<p><u>Article 2: Interpretation</u></p>	<p><u>Article 2 : Interprétation</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko</u></p>	<p><u>Article 3: Scope of application</u></p>	<p><u>Article 3 : Champ d'application</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: UBURYO BWO KUGENDA MU MUHANDA N'UMUTEKANO WO MU MUHANDA</u></p>	<p><u>CHAPTER II: ROAD TRAFFIC CODE AND ROAD SAFETY</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : CODE DE LA CIRCULATION ROUTIÈRE ET SÉCURITÉ ROUTIÈRE</u></p>
<p><u>Iciviro cya mbere : Uburyo bwo kugenda mu muhanda</u></p>	<p><u>Section One: Road traffic code</u></p>	<p><u>Section première : Code de la circulation routière</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Uruhande rugenderwamo n'ikinyabiziga</u></p>	<p><u>Article 4: Driving side for vehicle</u></p>	<p><u>Article 4 : Côté de circulation pour véhicule</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Ibyubahirizwa mu ikoreshwa ry'umuhanda</u></p>	<p><u>Article 5: Road traffic rules</u></p>	<p><u>Article 5 : Règles de la circulation routière</u></p>
<p><u>Iciviro cya 2: Umutekano wo mu muhanda</u></p>	<p><u>Section 2: Road safety</u></p>	<p><u>Section 2 : Sécurité routière</u></p>

<p><u>Akicro ka mbere:</u> Ububasha bwo kugenzura ikoreshwa ry’umuhanda n’ibyifashishwa mu kuwurinda</p> <p><u>Ingingo ya 6:</u> Ububasha bwo kugenzura ikoreshwa ry’umuhanda</p> <p><u>Ingingo ya 7:</u> Ibikoresho n’ikoranabuhanga byifashishwa n’urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu nshingano</p> <p><u>Ingingo ya 8:</u> Impuzankano y’umukozi ubifitiye ububasha</p> <p><u>Akicro ka 2:</u> Gupima arukoro mu maraso no gupima mu mubiri ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw’imiti ikoreshwa nka byo</p> <p><u>Ingingo ya 9:</u> Igipimo ntarengwa cya arukoro mu maraso ku muyobozi w’ikinyabiziga</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Uburyo bwo gupima arukoro mu maraso no gupima mu mubiri ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw’imiti ikoreshwa nka byo</p> <p><u>Akicro ka 3:</u> Kubuza ikinyabiziga kugenda no kukirekura</p>	<p><u>Subsection One:</u> Power to control road traffic and tools used to ensure road safety</p> <p><u>Article 6:</u> Power to control road traffic</p> <p><u>Article 7:</u> Equipment and technology used by the organ in charge of road safety</p> <p><u>Article 8:</u> Uniform of an authorised officer</p> <p><u>Subsection 2:</u> Performance of tests for alcohol in blood and for narcotic drugs or psychotropic substances in the body</p> <p><u>Article 9:</u> Maximum permissible blood alcohol concentration level for a driver</p> <p><u>Article 10:</u> Procedures for performing a test for blood alcohol concentration level and for narcotic drugs or psychotropic substances in the body</p> <p><u>Subsection 3:</u> Vehicle immobilisation and release</p>	<p><u>Sous-section première :</u> Pouvoir de contrôle de la circulation routière et outils utilisés pour assurer la sécurité routière</p> <p><u>Article 6 :</u> Pouvoir de contrôle de la circulation routière</p> <p><u>Article 7 :</u> Équipements et technologie utilisés par l’organe ayant la sécurité routière dans ses attributions</p> <p><u>Article 8 :</u> Uniforme d’un agent habilité</p> <p><u>Sous-section 2 :</u> Réalisation de contrôles d’alcoolémie et de stupéfiants ou de substances psychotropes dans l’organisme</p> <p><u>Article 9 :</u> Taux maximal d’alcoolémie autorisé pour un conducteur</p> <p><u>Article 10 :</u> Procédures de réalisation d’un contrôle d’alcoolémie et de dépistage de stupéfiants ou de substances psychotropes dans l’organisme</p> <p><u>Sous-section 3 :</u> Immobilisation et mainlevée d’un véhicule</p>
---	--	--

<u>Ingingo ya 11:</u> Kubuza ikinyabiziga kugenda	<u>Article 11:</u> Vehicle immobilisation	<u>Article 11 :</u> Immobilisation d'un véhicule
<u>Ingingo ya 12:</u> Impamvu zo kubuza ikinyabiziga kugenda	<u>Article 12:</u> Grounds for vehicle immobilisation	<u>Article 12 :</u> Motifs d'immobilisation d'un véhicule
<u>Ingingo ya 13:</u> Imicungire y'ikinyabiziga cyabujijwe kugenda	<u>Article 13:</u> Management of immobilised vehicle	<u>Article 13 :</u> Gestion d'un véhicule immobilisé
<u>Ingingo ya 14:</u> Guhitamo aho guhagarika ikinyabiziga	<u>Article 14:</u> Choice of parking place of vehicle	<u>Article 14 :</u> Choix du lieu de stationnement d'un véhicule
<u>Ingingo ya 15:</u> Ifishi yo kubuza ikinyabiziga kugenda n'ifishi yo kurekura ikinyabiziga	<u>Article 15:</u> Vehicle immobilisation form and vehicle release form	<u>Article 15 :</u> Fiche d'immobilisation et fiche de levée d'immobilisation d'un véhicule
<u>Ingingo ya 16:</u> Gukura ikinyabiziga aho cyahagaritswe	<u>Article 16:</u> Removal of a vehicle from its place of immobilisation	<u>Article 16 :</u> Enlèvement d'un véhicule de son lieu d'immobilisation
<u>Akiciro ka 4:</u> Ifungwa ry'ikinyabiziga	<u>Subsection 4:</u> Vehicle impoundment	<u>Sous-section 4 :</u> Mise en fourrière d'un véhicule
<u>Ingingo ya 17:</u> Gufunga ikinyabiziga	<u>Article 17:</u> Vehicle impoundment	<u>Article 17 :</u> Mise en fourrière d'un véhicule
<u>Ingingo ya 18:</u> Impamvu zo gufunga ikinyabiziga	<u>Article 18:</u> Grounds for vehicle impoundment	<u>Article 18 :</u> Motifs de mise en fourrière d'un véhicule
<u>Ingingo ya 19:</u> Igihe ntarengwa cyo gufunga ikinyabiziga	<u>Article 19:</u> Maximum period of vehicle impoundment	<u>Article 19 :</u> Durée maximale de mise en fourrière d'un véhicule
<u>Ingingo ya 20:</u> Imicungire y'ikinyabiziga gifunzwe	<u>Article 20:</u> Management of impounded vehicle	<u>Article 20 :</u> Gestion d'un véhicule mis en fourrière

<p><u>Ingingo ya 21:</u> Gukuraho icyemezo cyo gufunga ikinyabiziga</p>	<p><u>Article 21:</u> Lifting of decision to impound a vehicle</p>	<p><u>Article 21 :</u> Levée d’une décision de mise en fourrière d’un véhicule</p>
<p><u>Ingingo ya 22:</u> Imicungire y’amafaranga avuye mu igurishwa ry’ikinyabiziga cyafunzwe</p>	<p><u>Article 22:</u> Management of proceeds of sale of impounded vehicle</p>	<p><u>Article 22 :</u> Gestion du produit de la vente d’un véhicule mis en fourrière</p>
<p><u>UMUTWE WA III: IBYEREKEYE UMUYOBOZI W’IKINYABIZIGA</u></p>	<p><u>CHAPTER III: DRIVER REGULATION</u></p>	<p><u>CHAPITRE III : RÉGLEMENTATION DU CONDUCTEUR</u></p>
<p><u>Ingingo ya 23:</u> Kugira uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga n’uburyo bwo kurutanga</p>	<p><u>Article 23:</u> Holding driving licence and procedures for issuance thereof</p>	<p><u>Article 23 :</u> Titularité d’un permis de conduire et modalités de sa délivrance</p>
<p><u>Ingingo ya 24:</u> Kwigisha gutwara ikinyabiziga</p>	<p><u>Article 24:</u> Driving instruction</p>	<p><u>Article 24 :</u> Enseignement de la conduite</p>
<p><u>Ingingo ya 25:</u> Ishyirwaho ry’uburyo koranabuhanga bwifashishwa mu gukurikirana imyitwarire y’umuyobozi w’ikinyabiziga kigendeshwa na moteri hakoreshejwe amanota y’imyitwarire</p>	<p><u>Article 25:</u> Establishment of merit and demerit point system used to monitor the behaviour of motor vehicle driver</p>	<p><u>Article 25 :</u> Création d’un système du permis à points de mérite et de démerite pour contrôle du comportement d’un conducteur d’un véhicule à moteur</p>
<p><u>Ingingo ya 26:</u> Kutemererwa gukora ikizamini cy’uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga cyangwa kuruhagarika by’agateganyo ku mpamvu z’uburwayi</p>	<p><u>Article 26:</u> Disqualification from taking driving test or suspension of driving licence on health grounds</p>	<p><u>Article 26 :</u> Interdiction de passer l’examen du permis de conduire ou suspension du permis de conduire pour raisons de santé</p>
<p><u>Ingingo ya 27:</u> Guhagarika by’agateganyo uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga kubera imyitwarire y’umuyobozi wacyo ku mikoreshereze y’umuhanda</p>	<p><u>Article 27:</u> Suspension of a driving licence on grounds of driver’s road traffic-related behaviour</p>	<p><u>Article 27 :</u> Suspension du permis de conduire pour motifs liés au comportement du conducteur en matière de circulation routière</p>

<p><u>Ingingo ya 28:</u> Gutesha agaciro uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga</p> <p>UMUTWE WA IV: IBYEREKEYE IKINYABIZIGA KIGENDESHA NA MOTERI</p> <p><u>Ingingo ya 29:</u> Ikinyabiziga kigendeshwa na moteri cyemerewe gukoresha umuhanda mu Rwanda</p> <p><u>Ingingo ya 30:</u> Ihererekanya ry'ikinyabiziga kigendeshwa na moteri</p> <p><u>Ingingo ya 31:</u> Isuzuma rya tekini ry'ikinyabiziga kigendeshwa na moteri</p> <p><u>Ingingo ya 32:</u> Kwambura ikinyabiziga kigendeshwa na moteri uburenganzira bwo kugendera mu muhanda</p> <p>UMUTWE WA V: AMAKOSA, IBYAHA N'IBIHANO N'UBURYO BWO KUBIKURIKIRANA</p> <p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi n'uburyo bwo kubikurikirana</p> <p><u>Ingingo ya 33:</u> Kutubahiriza amategeko y'ikoreshwa ry'umuhanda</p>	<p><u>Article 28:</u> Revocation of a driving licence</p> <p>CHAPTER IV: MOTOR VEHICLE REGULATION</p> <p><u>Article 29:</u> Motor vehicle authorised for use in road traffic in Rwanda</p> <p><u>Article 30:</u> Motor vehicle ownership transfer</p> <p><u>Article 31:</u> Motor Vehicle technical inspection</p> <p><u>Article 32:</u> Withdrawal of the right to operate motor vehicle on road</p> <p>CHAPTER V: FAULTS, OFFENCES AND SANCTIONS AND RELATED PROCEDURES</p> <p><u>Section One:</u> Administrative faults and sanctions and related procedures</p> <p><u>Article 33:</u> Non-compliance with road traffic regulations</p>	<p><u>Article 28 :</u> Révocation du permis de conduire</p> <p>CHAPITRE IV : RÈGLEMENTATION DU VÉHICULE À MOTEUR</p> <p><u>Article 29 :</u> Véhicule à moteur admis à la circulation routière au Rwanda</p> <p><u>Article 30 :</u> Transfert de propriété d'un véhicule à moteur</p> <p><u>Article 31 :</u> Contrôle technique d'un véhicule à moteur</p> <p><u>Article 32 :</u> Retrait du droit de faire circuler un véhicule à moteur sur la route</p> <p>CHAPITRE V : FAUTES, INFRACTIONS ET SANCTIONS ET PROCÉDURES Y AFFÉRENTES</p> <p><u>Section première :</u> Fautes et sanctions administratives et procédures y afférentes</p> <p><u>Article 33 :</u> Non-respect de la réglementation de la circulation routière</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 34:</u> Igihe ntarengwa cyo kwishyura ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi</p>	<p><u>Article 34:</u> Deadline for payment of administrative fine</p>	<p><u>Article 34 :</u> Délai de paiement d'une amende administrative</p>
<p><u>Ingingo ya 35:</u> Ihanwa ry'amakosa ahungabanya umutekano wo mu muhanda</p>	<p><u>Article 35:</u> Sanction for faults endangering road safety</p>	<p><u>Article 35 :</u> Sanction pour fautes portant atteinte à la sécurité routière</p>
<p><u>Ingingo ya 36:</u> Gutakambira icyemezo cy'umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha n'ubujurire</p>	<p><u>Article 36:</u> Request for reconsideration of decision of an investigator or authorised officer and hierarchical appeal</p>	<p><u>Article 36 :</u> Recours gracieux contre la décision d'un enquêteur ou d'un agent habilité et recours hiérarchique</p>
<p><u>Iciviro cya 2:</u> Kugenza ibyaha no kubihana</p>	<p><u>Section 2:</u> Investigation into, and punishment for offences</p>	<p><u>Section 2 :</u> Enquête et répression des infractions</p>
<p><u>Ingingo ya 37:</u> Gutwara ikinyabiziga wariye igipimo ntarengwa cya arukoro mu maraso</p>	<p><u>Article 37:</u> Driving a vehicle with blood alcohol concentration level exceeding the permissible level</p>	<p><u>Article 37 :</u> Conduite d'un véhicule avec un taux d'alcoolémie supérieur au taux maximal autorisé</p>
<p><u>Ingingo ya 38 :</u> Kwanga gupimwa arukoro mu maraso</p>	<p><u>Article 38:</u> Refusal to submit to blood alcohol concentration testing</p>	<p><u>Article 38 :</u> Refus de se soumettre à un contrôle d'alcoolémie</p>
<p><u>Ingingo ya 39:</u> Kwanga guhagarara ubitegetswe n'umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha</p>	<p><u>Article 39:</u> Refusal to stop when ordered to do so by an investigator or authorised officer</p>	<p><u>Article 39 :</u> Refus de s'arrêter sur ordre d'un enquêteur ou d'un agent habilité</p>
<p><u>Ingingo ya 40:</u> Gutwara ikinyabiziga nta ruhushya rwo kugitwara</p>	<p><u>Article 40:</u> Driving a vehicle without a driving licence</p>	<p><u>Article 40 :</u> Conduite d'un véhicule sans permis de conduire</p>
<p><u>Ingingo ya 41:</u> Uburyo bwo kugenza ibyaha bihungabanya umutekano wo mu muhanda</p>	<p><u>Article 41:</u> Procedures for investigating road traffic offences</p>	<p><u>Article 41 :</u> Procédures d'enquête sur les infractions routières</p>

<u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES</u>
<u>Ingingo ya 42:</u> Ibireba ihererekanya ry'ikinyabiziga kigendeshwa na moteri ritakozwe	<u>Article 42:</u> Matters relating to the transfer of ownership of a motor vehicle not yet effected	<u>Article 42 :</u> Questions relatives au transfert de propriété d'un véhicule à moteur non encore effectué
<u>Ingingo ya 43:</u> Ingingo ivanaho	<u>Article 43:</u> Repealing provision	<u>Article 43 :</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 44:</u> Ingingo y'ururimi	<u>Article 44:</u> Language provision	<u>Article 44 :</u> Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 45:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 45:</u> Entry into force	<u>Article 45 :</u> Entrée en vigueur

<p>ITEGEKO N° 014/2026 RYO KU WA 06/03/2026 RIGENGA IKORESHWA RY'UMUHANDA</p> <p>Twebwe KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</p> <p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 05 Mutarama 2026;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda , cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64;</p> <p>Isubiye ku Itegeko n° 34/1987 ryo ku wa 17 Nzeri 1987 ryerekeye imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo;</p> <p>YEMEJE:</p>	<p>LAW N° 014/2026 OF 06/03/2026 GOVERNING ROAD TRAFFIC</p> <p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p> <p>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</p> <p>THE PARLIAMENT:</p> <p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 05 January 2026;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 64;</p> <p>Having reviewed Law n° 34/1987 of 17 September 1987 relating to driving regulation and road traffic enforcement;</p> <p>ADOPTS:</p>	<p>LOI N° 014/2026 DU 06/03/2026 RÉGISSANT LA CIRCULATION ROUTIÈRE</p> <p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République ;</p> <p>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</p> <p>LE PARLEMENT :</p> <p>La Chambre des Députés, en sa séance du 05 janvier 2026 ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 64 ;</p> <p>Revu la Loi n° 34/1987 du 17 septembre 1987 relative à la police du roulage et de la circulation routière ;</p> <p>ADOPTE :</p>
--	---	--

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u></p> <p>Iri tegeko rigenga ikoreshwa ry’umuhanda hagamijwe gukumira impanuka zo mu muhanda.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Isobanura</u></p> <p>Muri iri tegeko:</p> <p>(a) “ikinyabiziga” bivuga ikintu cyose gikoreshwa mu gutwara abantu cyangwa ibintu mu muhanda cyangwa igikoresho cyose gihabwa imbaraga kugira ngo kigende mu muhanda;</p> <p>(b) “impanuka yo mu muhanda” bivuga impanuka itagambiriwe kandi itunguranye ibereye mu muhanda, ihuriyemo ikinyabiziga kimwe cyangwa byinshi bigenda, bigateza umuntu ibikomere, ihungabana, ubumuga cyangwa urupfu, cyangwa bigateza kwangirika k’umutungo;</p> <p>(c) “impanuka yo mu muhanda yapfiriye umuntu” bivuga impanuka yabereye mu muhanda kandi yapfiriye nibura umuntu umwe ikiba</p>	<p><u>Article One: Purpose of this Law</u></p> <p>This Law governs road traffic with the aim of preventing road traffic accidents.</p> <p><u>Article 2: Interpretation</u></p> <p>In this Law:</p> <p>(a) “vehicle” means any object used for transporting people or goods on the road or any device powered to move on the road;</p> <p>(b) “road traffic accident” means an unintentional and sudden accident occurring on a road, involving one or more moving vehicles and resulting in injury, trauma, disability or the death of a person, or in damage to property;</p> <p>(c) “fatal road traffic accident” means an accident having occurred on a road and in which at least one person died, either at the scene or within 30 days from the date</p>	<p><u>Article premier : Objet de la présente loi</u></p> <p>La présente loi régit la circulation routière en vue de prévenir les accidents de la circulation routière.</p> <p><u>Article 2 : Interprétation</u></p> <p>Dans la présente loi :</p> <p>(a) « véhicule » signifie tout objet utilisé pour le transport de personnes ou de biens sur la route, ou tout engin doté d’une force motrice lui permettant de circuler sur la route ;</p> <p>(b) « accident de la circulation routière » signifie un accident involontaire et soudain survenu sur une route, impliquant un ou plusieurs véhicules en mouvement, et entraînant des blessures, un traumatisme, un handicap ou le décès d’une personne, ou causant des dommages matériels ;</p> <p>(c) « accident mortel de la circulation routière » signifie un accident survenu sur une route et dans lequel au moins une personne est décédée, soit sur le lieu de</p>

<p>cyangwa agapfa mu gihe cy'iminsi 30 ibarwa uherye ku muni yabereyeho;</p> <p>(d) “Minisitiri” bivuga Minisitiri ufite ikorehwa ry'umuhanda mu nshingano;</p> <p>(e) “umugenzacyaha” bivuga umukozi w'urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu nshingano ushinzwe kugenza ibyaha byerekeye ikorehwa ry'umuhanda;</p> <p>(f) “umuhanda” bivuga –</p> <p>(i) inzira imwe cyangwa nyinshi zigendwamo n'ibinyabiziga zitandukanyijwe ku buryo bugaragara n'ubutaka, ubusumbane cyangwa umurongo urombereje;</p> <p>(ii) aho ibinyabiziga bishobora guhagarikwa;</p> <p>(iii) ibiraro;</p> <p>(iv) cyangwa inzira n'utuyira.</p> <p>(g) “umukozi ubifitiye ububasha” bivuga umupolisi uri mu kazi ko kubungabunga umutekano wo mu muhanda;</p>	<p>of occurrence of the accident;</p> <p>(d) “Minister” means the Minister in charge of road traffic;</p> <p>(e) “investigator” means an employee of the organ in charge of road safety who is responsible for investigating road traffic-related offences;</p> <p>(f) “road” means –</p> <p>(i) one or more carriageways used by vehicles, clearly separated by a central reservation, level difference or continuous line;</p> <p>(ii) a place where vehicles may be parked;</p> <p>(iii) bridges; or</p> <p>(iv) paths and walkways.</p> <p>(g) “authorised officer” means a police officer on duty and assigned to ensure road safety;</p>	<p>l'accident, soit dans les 30 jours à compter de la date de survenance de celui-ci ;</p> <p>(d) « Ministre » signifie le Ministre ayant la circulation routière dans ses attributions ;</p> <p>(e) « enquêteur » signifie un agent de l'organe ayant la sécurité routière dans ses attributions, chargé d'enquêter sur les infractions liées à la circulation routière ;</p> <p>(f) « route » signifie –</p> <p>(i) une ou plusieurs chaussées utilisées par les véhicules, séparées de manière visible par un terre-plein central, une différence de niveau ou une ligne continue ;</p> <p>(ii) un emplacement où des véhicules peuvent être garés ;</p> <p>(iii) les ponts ; ou</p> <p>(iv) les chemins et sentiers.</p> <p>(g) « agent habilité » signifie un policier en service et affecté pour assurer la sécurité routière ;</p>
---	--	---

<p>(h) “umuntu” bivuga umuntu ku giti cye, isosiyete y’ubucuruzi, amakoperative, ikigo cyangwa urundi rwego rufite ubuzimagatozi;</p> <p>(i) “umuyobozi ubifitiye ububasha” bivuga umwofisiye w’ishami ry’urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu nshingano, umuyobozi wa Polisi y’u Rwanda ku rwego rwa sitasiyo, ku rw’Akarere cyangwa ku rw’Intara n’abayobozi babo;</p> <p>(j) “umuyobozi w’ikinyabiziga” bivuga umuntu utwaye ikinyabiziga mu muhanda.</p>	<p>(h) “person” means a natural person, a company, a cooperative, an institution or any other entity with legal personality;</p> <p>(i) “competent authority” means a commissioned officer of the department of the organ in charge of road safety, a commanding officer of the Rwanda National Police at the station, District, or Provincial levels, and their respective superiors;</p> <p>(j) “driver” means a person who drives a vehicle on the road.</p>	<p>(h) « personne » signifie une personne physique, une société commerciale, une coopérative, un établissement ou autre entité dotée de la personnalité juridique ;</p> <p>(i) « autorité compétente » signifie un officier relevant du département de l’organe ayant la sécurité routière dans ses attributions, un commandant de la Police nationale du Rwanda au niveau de la station, du District ou de la Province ainsi que leurs supérieurs respectifs ;</p> <p>(j) « conducteur » signifie une personne qui conduit un véhicule sur la route.</p>
<p><u>Ingingo ya 3: Ibirebwa n’iri tegeko</u></p> <p>Iri tegeko rireba ikoreshwa ry’umuhanda. icyakora, ntirireba inzira ikozwe mu byuma, mu nsinga cyangwa indi nzira yihariye.</p>	<p><u>Article 3: Scope of application</u></p> <p>This Law applies to road traffic. However, it does not apply to railways, cableways or other special routes.</p>	<p><u>Article 3 : Champ d’application</u></p> <p>La présente loi s’applique à la circulation routière. Toutefois, elle ne s’applique pas aux voies ferrées, aux téléphériques ni aux autres voies spéciales.</p>
<p><u>UMUTWE WA II: UBURYO BWO KUGENDA MU MUHANDA N’UMUTEKANO WO MU MUHANDA</u></p>	<p><u>CHAPTER II: ROAD TRAFFIC CODE AND ROAD SAFETY</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : CODE DE LA CIRCULATION ROUTIÈRE ET SÉCURITÉ ROUTIÈRE</u></p>
<p><u>Iciviro cya mbere: Uburyo bwo kugenda mu muhanda</u></p>	<p><u>Section One: Road traffic code</u></p>	<p><u>Section première : Code de la circulation routière</u></p>

<p><u>Ingingo ya 4: Uruhande rugenderwamo n'ikinyabiziga</u></p> <p>Uruhande rugenderwamo n'ikinyabiziga mu muhanda ni urw'iburyo.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Ibyubahirizwa mu ikoreshwa ry'umuhanda</u></p> <p>(1) Ibyubahirizwa mu ikoreshwa ry'umuhanda harimo –</p> <p>(a) uburyo abanyamaguru, ibinyabiziga, inyamaswa zikurura, izikorera ibintu, izo bagenderaho n'amatungo bigenda mu muhanda;</p> <p>(b) inshingano z'ugenda mu muhanda igihe habaye impanuka yo mu muhanda;</p> <p>(c) inshingano z'ugenda mu muhanda ategetswe n'umukozi ubifitiye ububasha;</p> <p>(d) imiterere y'ikinyabiziga isabwa mu rwego rwa tekini;</p> <p>(e) uko ikinyabiziga gipakirwa;</p>	<p><u>Article 4: Driving side for vehicle</u></p> <p>The driving side for a vehicle on the road is the right-hand side.</p> <p><u>Article 5: Road traffic rules</u></p> <p>(1) Road traffic rules include –</p> <p>(a) the manner in which pedestrians, vehicles, draught animals, pack animals, mounted animals and livestock move on the road;</p> <p>(b) the obligations of a road user in the event of a road traffic accident;</p> <p>(c) the obligations of a road user when instructed by an authorised officer;</p> <p>(d) vehicle technical requirements;</p> <p>(e) vehicle loading;</p>	<p><u>Article 4 : Côté de circulation pour véhicule</u></p> <p>La circulation d'un véhicule se fait du côté droit de la route.</p> <p><u>Article 5 : Règles de la circulation routière</u></p> <p>(1) Les règles de la circulation routière comprennent –</p> <p>(a) la manière dont les piétons, les véhicules, les animaux de trait, les animaux de charge, les animaux de selle et le bétail circulent sur la route;</p> <p>(b) les obligations d'un usager de la route en cas d'accident de la circulation routière ;</p> <p>(c) les obligations d'un usager de la route lorsqu'il agit sur instruction d'un agent habilité ;</p> <p>(d) les exigences techniques applicables aux véhicules ;</p> <p>(e) le chargement de véhicules ;</p>
---	--	---

<p>(f) uburyo n'igihe isuzuma ry'ibinyabiziga rikorwamo hakurikijwe ibyiciro byabyo;</p> <p>(g) ibimenyetso bigenga ikoreshwa ry'umuhanda;</p> <p>(h) n'ibiranga ikinyabiziga.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena mu buryo burambuye ibyubahirizwa byerekeye ikoreshwa ry'umuhanda.</p>	<p>(f) the procedures and intervals for vehicle technical inspections according to vehicle categories;</p> <p>(g) road traffic signs; and</p> <p>(h) vehicle identification marks.</p> <p>(2) An Order of the Minister sets out in detail road traffic rules.</p>	<p>(f) les procédures et les périodicités des contrôles techniques des véhicules selon leurs catégories ;</p> <p>(g) la signalisation routière ; et</p> <p>(h) les signes d'identification d'un véhicule.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre décrit de manière détaillée les règles de la circulation routière.</p>
<p><u>Icyiciro cya 2: Umutekano wo mu muhanda</u></p>	<p><u>Section 2: Road safety</u></p>	<p><u>Section 2 : Sécurité routière</u></p>
<p><u>Akiciro ka mbere: Ububasha bwo kugenzura ikoreshwa ry'umuhanda n'ibyifashishwa mu kuwurinda</u></p>	<p><u>Subsection One: Power to control road traffic and tools used to ensure road safety</u></p>	<p><u>Sous-section première : Pouvoir de contrôle de la circulation routière et outils utilisés pour assurer la sécurité routière</u></p>
<p><u>Ingingo ya 6: Ububasha bwo kugenzura ikoreshwa ry'umuhanda</u></p>	<p><u>Article 6: Power to control road traffic</u></p>	<p><u>Article 6 : Pouvoir de contrôle de la circulation routière</u></p>
<p>(1) Ububasha bwo kugenzura ikoreshwa ry'umuhanda bufitwe n'umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha.</p> <p>(2) Umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha atanga amabwiriza agamije kubungabunga umutekano wo mu muhanda.</p>	<p>(1) The power to control road traffic is vested in an investigator or authorised officer.</p> <p>(2) An investigator or authorised officer issues instructions intended to ensure road safety.</p>	<p>(1) Le pouvoir de contrôle de la circulation routière est conféré à un enquêteur ou à un agent habilité.</p> <p>(2) L'enquêteur ou l'agent habilité donne des instructions destinées à assurer la sécurité routière.</p>

<p>(3) Amabwiriza atanzwe n'umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha asimbura muri uwo mwanya ibimenyetso bigenga ikoreshwa ry'umuhanda.</p>	<p>(3) The instructions given by an investigator or authorised officer supersede, in such event, road traffic signs or signals.</p>	<p>(3) Les instructions données par l'enquêteur ou l'agent habilité ont, en pareil cas, préséance sur la signalisation routière.</p>
<p><u>Ingingo ya 7: Ibikoresho n'ikoranabuhanga byifashishwa n'urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu nshingano</u></p>	<p><u>Article 7: Equipment and technology used by the organ in charge of road safety</u></p>	<p><u>Article 7 : Équipements et technologie utilisés par l'organe ayant la sécurité routière dans ses attributions</u></p>
<p>(1) Urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu nshingano rwifashisha ibikoresho byabugenewe n'ikoranabuhanga ryerekeye amakuru y'umutekano wo mu muhanda.</p>	<p>(1) The organ in charge of road safety uses appropriate equipment and technology related to road safety information.</p>	<p>(1) L'organe ayant la sécurité routière dans ses attributions utilise des équipements appropriés ainsi qu'une technologie liée à l'information sur la sécurité routière.</p>
<p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena imiterere n'imikoreshereze by'ibikoresho n'ikoranabuhanga byifashishwa n'urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu nshingano.</p>	<p>(2) An Order of the Minister determines the specifications and procedures for the use of equipment and technology used by the organ in charge of road safety.</p>	<p>(2) Un arrêté du Ministre détermine les spécifications et les modalités d'utilisation des équipements et de la technologie utilisée par l'organe ayant la sécurité routière dans ses attributions.</p>
<p><u>Ingingo ya 8: Impuzankano y'umukozi ubifitiye ububasha</u></p>	<p><u>Article 8: Uniform of an authorised officer</u></p>	<p><u>Article 8 : Uniforme d'un agent habilité</u></p>
<p>(1) Umukozi ubifitiye ububasha yambara impuzankano yabugenewe.</p>	<p>(1) An authorised officer wears the uniform prescribed for that purpose.</p>	<p>(1) Un agent habilité porte l'uniforme prescrit à cet effet.</p>
<p>(2) Urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu nshingano rugena impuzankano y'umukozi ubifitiye ububasha.</p>	<p>(2) The organ in charge of road safety prescribes the uniform of an authorised officer.</p>	<p>(2) L'organe ayant la sécurité routière dans ses attributions prescrit l'uniforme d'un agent habilité.</p>

<p><u>Akicro ka 2:</u> Gupima arukoro mu maraso no gupima mu mubiri ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw’imiti ikorehwa nka byo</p> <p><u>Ingingo ya 9:</u> Igipimo ntarengwa cya arukoro mu maraso ku muyobozi w’ikinyabiziga</p> <p>(1) Igipimo ntarengwa cya arukoro mu maraso ku muyobozi w’ikinyabiziga ni garama 0.80 muri litiro imwe y’amaraso.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rishobora kugabanya igipimo cya arukoro mu maraso kivugwa mu gika cya (1).</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Uburyo bwo gupima arukoro mu maraso no gupima mu mubiri ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw’imiti ikorehwa nka byo</p> <p>(1) Umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha apima cyangwa agategeka umuyobozi w’ikinyabiziga gupimwa arukoro mu maraso no gupima mu mubiri ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw’imiti ikorehwa nka byo hifashishijwe ibikoreho byabugenewe igihe cyose bibaye ngombwa hagamijwe kubungabunga umutekano wo mu muhanda.</p>	<p><u>Subsection 2:</u> Performance of tests for alcohol in blood and for narcotic drugs or psychotropic substances in the body</p> <p><u>Article 9:</u> Maximum permissible blood alcohol concentration level for a driver</p> <p>(1) The maximum permissible blood alcohol concentration level for a driver is 0.80 grams per litre of blood.</p> <p>(2) An Order of the Minister may lower the blood alcohol concentration level referred to in Paragraph (1).</p> <p><u>Article 10:</u> Procedures for performing a test for blood alcohol concentration level and for narcotic drugs or psychotropic substances in the body</p> <p>(1) An investigator or authorised officer administers, or orders a driver to undergo, a test for blood alcohol concentration level and for narcotic drugs or psychotropic substances in the body, whenever necessary, using appropriate equipment, for the purpose of ensuring road safety.</p>	<p><u>Sous-section 2 :</u> Réalisation de contrôles d’alcoolémie et de stupéfiants ou de substances psychotropes dans l’organisme</p> <p><u>Article 9 :</u> Taux maximal d’alcoolémie autorisé pour un conducteur</p> <p>(1) Le taux maximal d’alcoolémie autorisé pour un conducteur est de 0,80 grammes par litre de sang.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre peut abaisser le taux d’alcoolémie visé au paragraphe (1).</p> <p><u>Article 10 :</u> Procédures de réalisation d’un contrôle d’alcoolémie et de dépistage de stupéfiants ou de substances psychotropes dans l’organisme</p> <p>(1) Un enquêteur ou un agent habilité soumet un conducteur ou lui ordonne qu’il se soumette à un contrôle d’alcoolémie et de stupéfiants ou de substances psychotropes dans l’organisme, au moyen d’équipements appropriés, chaque fois que de besoin, dans le but d’assurer la sécurité routière.</p>
---	--	---

<p>(2) Iyo umuyobozi w'ikinyabiziga atemeye ibyagaragajwe n'ipimwa ry'igipimo cya arukoro mu maraso no gupima mu mubiri ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikorehwa nka byo yakorewe, ashobora gusaba ko ipimwa rikorwa na laboratwari yemewe.</p> <p>(3) Iteka rya Minisitiri rigena laboratwari zemerewe gupima arukoro mu maraso no gupima mu mubiri ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikora nka byo n'uburyo iryo pimwa rikorwa ku muyobozi w'ikinyabiziga.</p>	<p>(2) If a driver disagrees with the results of a test for blood alcohol concentration level and for narcotic drugs or psychotropic substances in the body performed on him or her, he or she may request testing by an accredited laboratory.</p> <p>(3) An Order of the Minister designates laboratories authorised to perform tests for blood alcohol concentration level and for narcotic drugs or psychotropic substances in the body and specifies the procedures for performing such tests on a driver.</p>	<p>(2) Lorsqu'un conducteur conteste les résultats d'un contrôle d'alcoolémie et de dépistage de stupéfiants ou de substances psychotropes dans l'organisme pratiqué sur sa personne, il peut demander que le test soit réalisé par un laboratoire agréé.</p> <p>(3) Un arrêté du Ministre désigne les laboratoires autorisés à réaliser des contrôles d'alcoolémie et de stupéfiants ou de substances psychotropes dans l'organisme et précise les modalités de réalisation de ces contrôles sur un conducteur.</p>
<p><u>Akiciro ka 3: Kubuza ikinyabiziga kugenda no kukirekura</u></p>	<p><u>Subsection 3: Vehicle immobilisation and release</u></p>	<p><u>Sous-section 3 : Immobilisation et mainlevée d'un véhicule</u></p>
<p><u>Ingingo ya 11: Kubuza ikinyabiziga kugenda</u></p>	<p><u>Article 11: Vehicle immobilisation</u></p>	<p><u>Article 11 : Immobilisation d'un véhicule</u></p>
<p>(1) Kubuza ikinyabiziga kugenda bikorwa hashingiwe ku mabwiriza umuyobozi wacyo ahabwa n'umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha yo kugumisha ikinyabiziga aho kiri cyangwa hafi yaho, ariko amategeko yerekeye guhagarara umwanya munini agakomeza kubahirizwa, hagamijwe kubungabunga umutekano wo mu muhanda cyangwa kugenza ibyaha biwuhungabanya.</p>	<p>(1) Vehicle immobilisation is carried out upon instructions given to its driver by an investigator or authorised officer to keep the vehicle at its current location or nearby, subject to continued compliance with applicable parking regulations, for the purpose of safeguarding road safety or investigating road safety offences.</p>	<p>(1) L'immobilisation d'un véhicule est prescrite sur instruction donnée à son conducteur par un enquêteur ou par un agent habilité, lui enjoignant de maintenir le véhicule sur place ou à proximité, sous réserve du respect continu des règles de stationnement, aux fins de la sauvegarde de la sécurité routière ou de l'enquête sur des infractions à la sécurité routière.</p>

<p>(2) Kubuza ikinyabiziga kugenda bimara igihe kitarenze amasaha 12 abarwa uhereye igihe ikinyabiziga cyaburijwe kugenda.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Impamvu zo kubuza ikinyabiziga kugenda</u></p> <p>(1) Umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha abuza ikinyabiziga kiri mu muhanda kugenda iyo –</p> <p>(a) umuyobozi wacyo atagira uruhushya rwo kugitwara rwemewe;</p> <p>(b) ikinyabiziga cyangwa ibyo gitwaye byangiza umuhanda cyangwa ibiwukikije;</p> <p>(c) ikinyabiziga, umuyobozi wacyo cyangwa undi muntu ukirimo bibangamira ikoreshwa ry’umuhanda cyangwa bituma ikoreshwa ry’umuhanda ryatera amakuba kubera kujugunya mu muhanda, kuwurundamo, kuwurekeramo, kuwunyanyagizamo ibintu ibyo ari byo byose cyangwa kuwushyiramo inkomyi iyo ari yo yose;</p> <p>(d) kivuburira mu muhanda imyotsi cyangwa imyuka ihumanya ikirere,</p>	<p>(2) Vehicle immobilisation may not exceed 12 hours from the time of immobilisation.</p> <p><u>Article 12: Grounds for vehicle immobilisation</u></p> <p>(1) An investigator or authorised officer effects the immobilisation of a vehicle on the road if –</p> <p>(a) its driver does not hold a valid driving licence;</p> <p>(b) the vehicle or its load causes damage to the road or its surroundings;</p> <p>(c) the vehicle, its driver or any other occupant thereof compromises or creates a danger to road traffic, by throwing, dumping, abandoning or scattering any objects on the road, or placing any kind of obstruction on it;</p> <p>(d) the vehicle emits, on the road, smoke or air-polluting gases exceeding the limit</p>	<p>(2) La durée de l’immobilisation d’un véhicule ne peut excéder 12 heures à compter de son immobilisation.</p> <p><u>Article 12 : Motifs d’immobilisation d’un véhicule</u></p> <p>(1) Un enquêteur ou un agent habilité procède à l’immobilisation d’un véhicule sur la route lorsque –</p> <p>(a) son conducteur ne détient pas un permis de conduire valide ;</p> <p>(b) le véhicule ou son chargement cause des dommages à la route ou à ses abords ;</p> <p>(c) le véhicule, son conducteur ou tout autre occupant de ce véhicule compromet la circulation routière ou crée un danger pour celle-ci, en jetant, déposant, abandonnant ou en dispersant des objets sur la route ou en y plaçant tout type d’obstacle ;</p> <p>(d) le véhicule dégage, sur la route, des fumées ou des gaz polluants dépassant</p>
--	---	--

<p>birenze igipimo cyagenwe n'amategeko abigenga;</p> <p>(e) ibyagishyizweho kugira ngo kidasakuze cyane byahinduwe ukundi cyangwa byavanyweho;</p> <p>(f) kidafite ibyapa cyangwa gifite ibyapa bitemewe n'amategeko;</p> <p>(g) kitakorewe isuzuma ritegetswe ry'imiterere tekini cyangwa ibyo gukorwaho cyangwa gutunganywaho byategetswe n'iryo suzuma bitakozwe;</p> <p>(h) gitwaye abantu mu buryo bwa rusange kitabifitiye uruhushya;</p> <p>(i) kidafite ubwishingizi;</p> <p>(j) gishakishwa;</p> <p>(k) gitwaye ibirenze ibyo kigomba gutwara;</p> <p>(l) umuyobozi wacyo afite ubumuga butamwemerera gutwara ikinyabiziga;</p>	<p>prescribed by the relevant laws;</p> <p>(e) the devices installed on the vehicle to prevent excessive noise have been altered or removed;</p> <p>(f) the vehicle lacks identification marks or displays identification marks not authorised by law;</p> <p>(g) the vehicle has not undergone the mandatory technical inspection or the repairs or adjustments required by that inspection have not been made;</p> <p>(h) the vehicle is used for public transport without the required licence;</p> <p>(i) the vehicle does not have insurance coverage;</p> <p>(j) the vehicle is reported as wanted;</p> <p>(k) the vehicle carries a load exceeding the authorised limit;</p> <p>(l) its driver has a disability that does not allow him or her to drive a vehicle; or</p>	<p>la limite prescrite par la législation en la matière ;</p> <p>(e) les dispositifs installés sur le véhicule pour éviter un bruit excessif ont été modifiés ou retirés ;</p> <p>(f) le véhicule n'est pas muni de signes d'identification ou porte des signes d'identification non autorisés par la loi ;</p> <p>(g) le véhicule n'a pas subi le contrôle technique obligatoire ou les réparations ou réglages exigés à l'issue de ce contrôle n'ont pas été réalisés ;</p> <p>(h) le véhicule est utilisé pour le transport public sans la licence requise ;</p> <p>(i) le véhicule n'est pas couvert par une assurance ;</p> <p>(j) le véhicule est déclaré recherché ;</p> <p>(k) le véhicule transporte une charge dépassant la limite autorisée ;</p> <p>(l) son conducteur présente un handicap ne lui permettant pas de conduire un véhicule ; ou</p>
---	--	--

<p>(m)cyangwa gifite inenge z’imiterere tekiniiki zabangamira umutekano wo mu muhanda.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri rigena inenge z’imiterere tekiniiki y’ikinyabiziga zabangamira umutekano wo mu muhanda.</p>	<p>(m)the vehicle has technical defects that may compromise road safety.</p> <p>(2) An Order of the Minister determines vehicle technical defects that may compromise road safety.</p>	<p>(m)le véhicule présente des défauts techniques susceptibles de compromettre la sécurité routière.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre détermine les défauts techniques d’un véhicule susceptibles de compromettre la sécurité routière.</p>
<p><u>Ingingo ya 13: Imicungire y’ikinyabiziga cyabujijwe kugenda</u></p> <p>(1) Iyo ikinyabiziga cyabujijwe kugenda, umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha ategeka ko gishyirwa ahemewe hafi y’aho cyari cyahagaritswe.</p> <p>(2) Iyo kubuza ikinyabiziga kugenda byatewe n’impamvu ivugwa mu ngingo ya 12(1)(a)(1), ikinyabiziga gishobora kwemererwa gukomeza urugendo iyo habonetse undi muyobozi w’ikinyabiziga ufite uruhushya rwo kugitwara ushyizweho n’uwari ugitwaye cyangwa na nyiracyo.</p> <p>(3) Iyo kubuza ikinyabiziga kugenda byatewe n’impamvu ivugwa mu ngingo ya 12(1)(k), umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha ashobora gutegeka umuyobozi wacyo kugishyira</p>	<p><u>Article 13: Management of immobilised vehicle</u></p> <p>(1) Where a vehicle is immobilised, the investigator or authorised officer orders that it be placed in an approved location in the vicinity of its parking place.</p> <p>(2) Where the immobilisation of the vehicle is based on the ground referred to in Article 12(1)(a)(1), the vehicle may be permitted to continue its journey where another appropriately licenced driver designated by the previous driver or the vehicle owner, is available.</p> <p>(3) Where the immobilisation of the vehicle is based on the ground referred to in Article 12(1)(k), the investigator or authorised officer may order its driver to place the vehicle on a weighbridge for</p>	<p><u>Article 13 : Gestion d’un véhicule immobilisé</u></p> <p>(1) Lorsqu’un véhicule est immobilisé, l’enquêteur ou l’agent habilité ordonne qu’il soit placé dans un emplacement approuvé à proximité de son lieu de stationnement.</p> <p>(2) Lorsque l’immobilisation du véhicule est fondée sur le motif visé à l’article 12(1)(a)(1), le véhicule peut être autorisé à poursuivre sa route lorsqu’un autre conducteur titulaire d’un permis de conduire approprié, désigné par le conducteur précédent ou par le propriétaire du véhicule, est disponible.</p> <p>(3) Lorsque l’immobilisation du véhicule est fondée sur le motif visé à l’article 12(1)(k), l’enquêteur ou l’agent habilité peut ordonner à son conducteur de le placer sur un pont-bascule aux fins de</p>

<p>ku munzani kugira ngo gipimwe cyangwa kugipima hakoreshejwe ubundi buryo bwabugenewe. Iyo ikinyabiziga kiringeje ibyo cyemerewe gutwara hakurikizwa amategeko abigenga.</p> <p>(4) Iyo kubuza ikinyabiziga kugenda byatewe n'impamvu zivugwa mu ngingo ya 12(1)(g) umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha ntashobora kukirekura kitagaragaje ko cyahawe gahunda y'isuzuma.</p> <p>(5) Iyo kubuza ikinyabiziga kugenda byatewe n'impamvu zivugwa mu ngingo ya 12(1)(m), umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha ashobora gutegeka ko kijyanwa aho kijya gukosorerwa gikuruwe cyangwa cyikorewe n'ikindi kinyabiziga cyashyizweho n'umuyobozi wacyo cyangwa na nyiracyo.</p> <p>(6) Iyo impamvu yatumye ikinyabiziga gihagarikwa ikiriho, umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha, mbere y'uko ava aho ikinyabiziga cyahagaritswe, yuzuzwa ifishi yabugenewe.</p>	<p>the purpose of weighing it or to have it weighed, using any other method provided for such purpose. Where the vehicle exceeds the authorized load limit, the relevant laws apply.</p> <p>(4) Where the immobilisation of the vehicle is based on the grounds referred to in Article 12(1)(g), the investigator or authorised officer shall not release the vehicle unless proof is provided that a technical inspection appointment has been scheduled.</p> <p>(5) Where the immobilisation of the vehicle is based on the grounds referred to in Article 12(1)(m), the investigator or authorised officer may order that the vehicle be moved to a repair location, either towed or transported by another vehicle designated by its driver or its owner.</p> <p>(6) Where the ground for the immobilisation of the vehicle still exists, the investigator or authorised officer, before leaving the place where the vehicle is parked, fills in the form provided for such purpose.</p>	<p>le peser ou de le faire peser par tout autre moyen prévu à cet effet. Lorsque le véhicule dépasse la limite de charge autorisée, il est fait application de la législation en la matière.</p> <p>(4) Lorsque l'immobilisation du véhicule est fondée sur les motifs visés à l'article 12(1)(g), l'enquêteur ou l'agent habilité ne peut procéder à la mainlevée de son immobilisation qu'après production d'une preuve qu'un rendez-vous pour un contrôle technique a été fixé.</p> <p>(5) Lorsque l'immobilisation du véhicule est fondée sur les motifs visés à l'article 12(1)(m), l'enquêteur ou l'agent habilité peut ordonner que le véhicule soit déplacé vers un lieu de réparation, soit remorqué, soit transporté par un autre véhicule désigné par son conducteur ou par son propriétaire.</p> <p>(6) Lorsque le motif de l'immobilisation du véhicule subsiste, l'enquêteur ou l'agent habilité, avant de quitter le lieu où le véhicule est stationné, remplit une fiche prévue à cet effet.</p>
--	--	--

<p>(7) Iyo impamvu yatumye ikinyabiziga gihagarikwa itakiriho, umugenzacyaha, umukozi ubifitiye ububasha cyangwa umukuriye mu kazi yemerera ikinyabiziga kugenda akuzuzwa ifishi yabugenewe.</p>	<p>(7) Where the ground for the immobilisation of the vehicle no longer exists, the investigator, the authorised officer, or his or her supervisor permits the vehicle to proceed by filling in the form prescribed for that purpose.</p>	<p>(7) Lorsque le motif de l'immobilisation du véhicule cesse d'exister, l'enquêteur, l'agent habilité ou son supérieur autorise le véhicule à poursuivre son trajet en remplissant la fiche prescrite à cet effet.</p>
<p><u>Ingingo ya 14: Guhitamo aho guhagarika ikinyabiziga</u></p>	<p><u>Article 14: Choice of parking place of vehicle</u></p>	<p><u>Article 14 : Choix du lieu de stationnement d'un véhicule</u></p>
<p>Iyo kubuza ikinyabiziga kugenda bitewe n'impamvu ivugwa mu ngingo ya 12(1)(i) cyangwa iyo impamvu yatumye kibuzwa kugenda idashobora gukosorerwa aho kiri, bisabwe n'umuyobozi wacyo cyangwa na nyiracyo, ikinyabiziga gishobora guhagarikwa ahantu yihitiyemo. Muri icyo gihe, ikinyabiziga cyabujijwe kugenda gishobora kujyanwa aho hantu ari uko gikuruwe cyangwa cyikorewe n'ikindi kinyabiziga cyashyizweho n'umuyobozi wacyo cyangwa na nyiracyo.</p>	<p>Where the immobilisation of a vehicle results from the ground referred to in Article 12(1)(i) or where the ground for its immobilisation cannot be remedied on the spot, the vehicle may, at the request of its driver or its owner, be parked at a location of his or her choice. In such case, the immobilised vehicle may be moved to that location only by towing or transporting it, using another vehicle designated by its driver or its owner.</p>	<p>Lorsque l'immobilisation du véhicule résulte du motif visé à l'article 12(1)(i) ou lorsque le motif de l'immobilisation ne peut être remédié sur place, le véhicule peut, sur demande de son conducteur ou de son propriétaire, être stationné à l'endroit de son choix. Dans ce cas, le véhicule immobilisé ne peut être déplacé vers cet endroit que par remorquage ou transport au moyen d'un autre véhicule désigné par son conducteur ou son propriétaire.</p>
<p><u>Ingingo ya 15: Ifishi yo kubuza ikinyabiziga kugenda n'ifishi yo kurekura ikinyabiziga</u></p>	<p><u>Article 15: Vehicle immobilisation form and vehicle release form</u></p>	<p><u>Article 15 : Fiche d'immobilisation et fiche de levée d'immobilisation d'un véhicule</u></p>
<p>(1) Umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha wafashe icyemezo cyo kubuza ikinyabiziga kugenda cyangwa kurekura ikinyabiziga yuzuzwa ifishi yo kubuza ikinyabiziga kugenda n'iyokukirekura mu buryo bw'ikoranabuhanga</p>	<p>(1) The investigator or authorised officer having decided to immobilise or release a vehicle fills in a vehicle immobilisation form and vehicle release form electronically, or in writing where the electronic system is unavailable, and</p>	<p>(1) L'enquêteur ou l'agent habilité ayant décidé l'immobilisation d'un véhicule ou de sa levée remplit la fiche d'immobilisation et la fiche de levée de l'immobilisation, par voie électronique ou, en cas d'indisponibilité du système</p>

<p>cyangwa akayuzuza mu nyandiko igihe uburyo bw'ikoranabuhanga budashoboka, bigahita bimenyeshwa nyir'ikinyabiziga cyangwa umuyobozi wacyo.</p> <p>(2) Amabwiriza y'urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu nshingano agena imiterere n'ibikubiye mu ifishi ivugwa mu gika cya (1).</p>	<p>forthwith notifies the vehicle owner or driver.</p> <p>(2) The regulations of the organ in charge of road safety determine the format and content of the form referred to in Paragraph (1).</p>	<p>électronique, par écrit, et en informe immédiatement le propriétaire ou le conducteur du véhicule.</p> <p>(2) Les règlements de l'organe ayant la sécurité routière dans ses attributions déterminent le format et le contenu de la fiche visée au paragraphe (1).</p>
<p><u>Ingingo ya 16: Gukura ikinyabiziga aho cyahagaritswe</u></p> <p>(1) Umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha yemerera umuyobozi w'ikinyabiziga cyangwa nyiracyo kugikura aho cyahagaritswe amaze kugenzura ko impamvu yatumye kubuzwa kugenda yavuyeho.</p> <p>(2) Umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha ategeka nyir'ikinyabiziga cyangwa umuyobozi wacyo kugikura aho bari bagihagaritse no kukijyana aho ibinyabiziga bifungirwa mu gihe icyatumye kibuzwa kugenda kitakemutse.</p> <p>(3) Iyo nyir'ikinyabiziga cyangwa umuyobozi wacyo atagikuye aho</p>	<p><u>Article 16: Removal of a vehicle from its place of immobilisation</u></p> <p>(1) An investigator or authorised officer allows the driver or owner of a vehicle to remove it from its place of immobilisation after verification that the ground for its immobilisation has ceased to exist.</p> <p>(2) An investigator or authorised officer orders the owner or driver of a vehicle to remove it from its place of immobilisation and take it to the vehicle impoundment site if the ground for its immobilisation has not been remedied.</p> <p>(3) Where the owner or driver of a vehicle fails to remove it from its place of</p>	<p><u>Article 16 : Enlèvement d'un véhicule de son lieu d'immobilisation</u></p> <p>(1) Un enquêteur ou un agent habilité autorise le conducteur ou le propriétaire d'un véhicule à procéder à son enlèvement du lieu de son immobilisation après vérification que le motif de son immobilisation a cessé d'exister.</p> <p>(2) Un enquêteur ou un agent habilité ordonne au propriétaire ou au conducteur d'un véhicule de procéder à son enlèvement du lieu de son immobilisation vers la fourrière lorsqu'il n'a pas été remédié au motif de son immobilisation.</p> <p>(3) Lorsque le propriétaire ou le conducteur d'un véhicule ne procède pas à son</p>

<p>umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha yagihagaritse ngo akijyane aho ibinyabiziga bifungirwa, urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu nshingano ni rwo rukihajyana, nyiracyo akishyura ikiguzi kijyanye n'icyo gikorwa.</p>	<p>immobilisation effected by the investigator or authorised officer for the purpose of taking it to the vehicle impoundment site, the organ in charge of road safety arranges for its removal to the pound, and the owner bears the costs incurred in connection with such removal.</p>	<p>enlèvement du lieu de son immobilisation effectuée par l'enquêteur ou l'agent habilité aux fins de son transfert vers la fourrière, l'organe ayant la sécurité routière dans ses attributions procède à son enlèvement vers la fourrière, et les coûts liés à cette opération sont à la charge de son propriétaire.</p>
<p><u>Akiciro ka 4: Ifungwa ry'ikinyabiziga</u></p>	<p><u>Subsection 4: Vehicle impoundment</u></p>	<p><u>Sous-section 4 : Mise en fourrière d'un véhicule</u></p>
<p><u>Ingingo ya 17: Gufunga ikinyabiziga</u></p>	<p><u>Article 17: Vehicle impoundment</u></p>	<p><u>Article 17 : Mise en fourrière d'un véhicule</u></p>
<p>(1) Gufunga ikinyabiziga bikorwa hashingiwe ku cyemezo gifatwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha cyo gushyira ikinyabiziga ahantu hateganyijwe ku mpamvu zo kubungabunga umutekano wo mu muhanda kugeza igihe ikinyabiziga gishubijwe nyiracyo, kigurishijwe na nyiracyo cyangwa gitejwe cyamunara.</p> <p>(2) Umuyobozi ubifitiye ububasha ufunze ikinyabiziga yuzuza ifishi yabugenewe yo gufunga ikinyabiziga, agaha nyiracyo cyangwa umuyobozi wacyo kopi yayo.</p> <p>(3) Amabwiriza y'urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu</p>	<p>(1) Vehicle impoundment is carried out pursuant to a decision by the competent authority to place the vehicle in a designated location for the purpose of ensuring road safety, until the vehicle is returned to its owner, sold by its owner or auctioned.</p> <p>(2) The competent authority ordering the impoundment of a vehicle fills in the form prescribed for that purpose and gives a copy thereof to its owner or driver.</p> <p>(3) Instructions of the organ in charge of road safety determine the format and content</p>	<p>(1) La mise en fourrière d'un véhicule est effectuée sur décision d'une autorité compétente de placer le véhicule dans un lieu désigné pour assurer la sécurité routière, jusqu'à ce qu'il soit restitué à son propriétaire, vendu par celui-ci ou vendu aux enchères.</p> <p>(2) L'autorité ordonnant la mise en fourrière d'un véhicule remplit la fiche prescrite à cet effet et en remet une copie au propriétaire ou au conducteur.</p> <p>(3) Les instructions de l'organe ayant la sécurité routière dans ses attributions</p>

<p>nshingano akena imiterere n'ibikubiye mu ifishi yo gufunga ikinyabiziga.</p> <p>(4) Gufunga ikinyabiziga bishobora kubanzirizwa no kukibuza kugenda, mu gihe umugenzacyaha cyangwa umukozi ubifitiye ububasha asanga ari ngombwa kandi hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.</p> <p><u>Ingingo ya 18:</u> Impamvu zo gufunga ikinyabiziga</p> <p>Ikinyabiziga gifungwa iyo –</p> <p>(a) cyatawe cyangwa cyasizwe ku muhanda cyangwa ku mpande zawo ku buryo bubangamiye umutekano wo mu muhanda kandi nyiracyo adashobora kuboneka;</p> <p>(b) nyiracyo cyangwa umuyobozi wacyo atakemuye ibyatumye kibuzwa kugenda;</p> <p>(c) kitakoreshejwe hakurikijwe ibyasabwe mu isuzuma rya tekini cyakorewe;</p> <p>(d) cyateje impanuka yo mu muhanda yapfiriye umuntu;</p>	<p>of the vehicle impoundment form.</p> <p>(4) Vehicle impoundment may be preceded by immobilisation, where an investigator or authorised officer considers it necessary and in accordance with the provisions of this Law.</p> <p><u>Article 18:</u> Grounds for vehicle impoundment</p> <p>A vehicle is impounded when –</p> <p>(a) it has been abandoned or left on the road or on its sides in a way that compromises road safety and its owner cannot be found;</p> <p>(b) its owner or driver has failed to remedy the grounds for its immobilisation;</p> <p>(c) it has not been repaired in accordance with the requirements established during its technical inspection;</p> <p>(d) it has caused a fatal road traffic accident;</p>	<p>déterminent le format et le contenu de la fiche de mise en fourrière.</p> <p>(4) La mise en fourrière d'un véhicule peut être précédée de son immobilisation lorsque l'enquêteur ou l'agent habilité le juge nécessaire et conformément aux dispositions de la présente loi.</p> <p><u>Article 18 :</u> Motifs de mise en fourrière d'un véhicule</p> <p>Un véhicule est mis en fourrière lorsque –</p> <p>(a) il a été abandonné ou laissé sur la route ou sur ses abords d'une manière compromettant la sécurité et que son propriétaire ne peut être retrouvé ;</p> <p>(b) son propriétaire ou son conducteur n'a pas remédié aux motifs de son immobilisation ;</p> <p>(c) il n'a pas été réparé conformément aux exigences établies lors de son contrôle technique ;</p> <p>(d) il a provoqué un accident mortel de la circulation routière ;</p>
---	--	--

<p>(e) kitanditswe mu mazina y'uwakiguze cyangwa uwagihawe mu gihe giteganywa n'itegeko;</p> <p>(f) uhanishijwe ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi kubera ikosa riteganyijwe muri iri tegeko atubahirije igihe cyo kwishyura;</p> <p>(g) cyangwa ku mpamvu z'iperereza ry'ibanze, mu gihe umuyobozi wacyo apimwe agasangwamo igipimo cya arukoro mu maraso gisumba igiteganywa n'itegeko.</p>	<p>(e) registration of it in the name of the buyer or the person to whom it was transferred has not been effected within the period provided for by law;</p> <p>(f) the person sanctioned with an administrative fine for a fault under this Law has failed to comply with the payment deadline; or</p> <p>(g) its driver, when tested for the purposes of a preliminary investigation, is found to have a blood alcohol concentration level exceeding the limit provided for by law.</p>	<p>(e) son immatriculation au nom de l'acheteur ou de la personne à laquelle il a été cédé n'a pas été effectuée dans le délai prévu par la loi ;</p> <p>(f) la personne sanctionnée d'une amende administrative pour une faute prévue par la présente loi n'a pas respecté le délai de paiement ; ou</p> <p>(g) lorsque son conducteur, soumis à un dépistage dans le cadre d'une enquête préliminaire, présente un taux d'alcoolémie supérieur à la limite prévue par la loi.</p>
<p><u>Ingingo ya 19: Igihe ntarengwa cyo gufunga ikinyabiziga</u></p> <p>Igihe ntarengwa cyo gufunga ikinyabiziga ni amezi atatu abarwa uherye ku munsu gufunga ikinyabiziga byemerejweho n'umuyobozi ubifitiye ububasha.</p>	<p><u>Article 19: Maximum period of vehicle impoundment</u></p> <p>The maximum period of vehicle impoundment is three months from the date of approval by the competent authority of the impoundment decision.</p>	<p><u>Article 19 : Durée maximale de mise en fourrière d'un véhicule</u></p> <p>La durée maximale de mise en fourrière d'un véhicule est de trois mois à compter de la date d'approbation, par l'autorité compétente, de la décision de mise en fourrière.</p>
<p><u>Ingingo ya 20: Imicungire y'ikinyabiziga gifunzwe</u></p> <p>(1) Ikinyabiziga gifunzwe gishyirwa ahantu habugenewe, nyiracyo akishyura amafaranga ajyanye n'iryo fungwa.</p>	<p><u>Article 20: Management of impounded vehicle</u></p> <p>(1) An impounded vehicle is placed in a location provided for that purpose, and the owner thereof pays the fees related to the impoundment.</p>	<p><u>Article 20 : Gestion d'un véhicule mis en fourrière</u></p> <p>(1) Un véhicule mis en fourrière est placé dans un lieu prévu à cet effet, et son propriétaire paie les frais afférents à la mise en fourrière.</p>

<p>(2) Iyo igihe kivugwa mu ngingo ya 19 kirangiye nyir'ikinyabiziga cyangwa umuhagarariye wemewe n'amategeko adakuye ikinyabiziga aho gifungiwe, kigurishwa mu cyamunara hubahirijwe igenagaciro rikozwe n'umugenagaciro wemewe n'amategeko cyangwa kigashyikirizwa ikigo cyemerewe gutandukanya ibice bikigize, kubivugurura no kubivanamo ibyangiza ibidukikije.</p> <p>(3) Mu gihe ikinyabiziga gifunzwe, nyiracyo yemererwa, iyo abisabye, kukigurishiriza hubahirijwe igenagaciro rikozwe n'umugenagaciro wemewe n'amategeko.</p> <p>(4) Iteka rya Minisitiri rigena ku buryo burambuye ibijyanye n'imicungire y'ikinyabiziga gifunzwe, uburyo bwo kukigurishiriza, kukigurisha mu cyamunara n'uko gutandukanya ibice bikigize, kubivugurura no kubivanamo ibyangiza ibidukikije bikorwa. Rigena kandi imiterere, imitunganyirize n'imikoreshereze by'ahantu hashyirwa ikinyabiziga gifunzwe, amafaranga agitangwaho, uko abarwa n'uko yishyurwa.</p>	<p>(2) If, upon expiry of the period provided for under Article 19, the owner of the vehicle or his or her legally authorised representative has not removed the vehicle from the place where it is impounded, the vehicle is sold by auction following a valuation conducted by a legally accredited valuer or handed over to an authorised facility for scrapping.</p> <p>(3) When a vehicle is impounded, the owner thereof is, if he or she so requests, permitted to sell it personally in accordance with a valuation carried out by a legally accredited valuer.</p> <p>(4) An Order of the Minister specifies in detail the procedures for the management of an impounded vehicle, its sale by the owner, its sale by auction, and its disposal by scrapping. It also determines the structure, organisation and operation of the vehicle impoundment site, the fees applicable to impounded vehicle, the method of calculation, and the terms of payment, of those fees.</p>	<p>(2) Si, à l'expiration du délai prévu à l'article 19, le propriétaire du véhicule ou son représentant légalement autorisé ne l'a pas retiré du lieu où il est mis en fourrière, le véhicule est vendu aux enchères conformément à une évaluation réalisée par un expert agréé ou remis à un établissement autorisé pour la mise au rebut.</p> <p>(3) Lorsqu'un véhicule est mis en fourrière, son propriétaire est, lorsqu'il en fait la demande, autorisé à procéder personnellement à sa vente conformément à une évaluation réalisée par un expert légalement agréé.</p> <p>(4) Un arrêté du Ministre détermine en détail les modalités de gestion d'un véhicule mis en fourrière, de sa vente par le propriétaire, de sa vente enchères publiques et de sa mise au rebut. Il détermine également la structure, l'organisation et le fonctionnement de la fourrière d'un véhicule, les frais applicables au véhicule mis en fourrière, le mode de leur calcul ainsi que les modalités de leur paiement.</p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya 21: Gukuraho icyemezo cyo gufunga ikinyabiziga</u></p> <p>(1) Umuyobozi ubifitiye ububasha akuraho icyemezo cyo gufunga ikinyabiziga abyibwirije cyangwa abisabwe na nyiracyo cyangwa umuhagarariye wemewe n'amategeko, amaze kugaragaza ko icyatumye ikinyabiziga gifungwa kivuyeho kandi yishyuye amafaranga ajyanye n'ifungwa ryacyo, iyo ari ngombwa.</p> <p>(2) Icyemezo cyo gufunga ikinyabiziga gishobora kandi gukurwaho n'urukiko rubifitiye ububasha, rubisabwe na nyiracyo cyangwa umuhagarariye wemewe n'amategeko.</p> <p>(3) Ikirego gisaba ikurwaho ry'icyemezo cyo gufunga ikinyabiziga gitangwa mu buryo bw'ikirego cyihutirwa.</p>	<p><u>Article 21: Lifting of decision to impound a vehicle</u></p> <p>(1) The competent authority lifts a decision to impound a vehicle, either on its own motion or upon request by the owner or his or her legally authorised representative, after he or she has proven that the ground for the impoundment of the vehicle no longer exists and that he or she has paid the fees related to its impoundment, where necessary.</p> <p>(2) The decision to impound a vehicle may also be lifted by a competent court upon application by the owner or his or her legally authorised representative.</p> <p>(3) An application for the lifting of a decision to impound a vehicle is filed by way of summary proceedings.</p>	<p><u>Article 21 : Levée d'une décision de mise en fourrière d'un véhicule</u></p> <p>(1) L'autorité compétente lève une décision de mise en fourrière d'un véhicule, soit de sa propre initiative, soit sur demande du propriétaire ou de son représentant légalement autorisé, après avoir prouvé que le motif de la mise en fourrière n'existe plus et que, le cas échéant, il a payé les frais afférents à sa mise en fourrière.</p> <p>(2) La décision de mise en fourrière d'un véhicule peut également être levée par la juridiction compétente, par requête qui lui est adressée par le propriétaire ou son représentant légalement autorisé.</p> <p>(3) Toute requête de levée de la décision de mise en fourrière d'un véhicule est introduite selon une procédure en référé.</p>
<p><u>Ingingo ya 22: Imicungire y'amafaranga avuye mu igurishwa ry'ikinyabiziga cyafunzwe</u></p> <p>(1) Amafaranga avuye mu igurisha rikozwe na nyir'ikinyabiziga cyafunzwe cyangwa muri cyamunara yacyo ni yo yonyine akoreshwa hishyurwa ibyakozwe kubera iryo fungwa</p>	<p><u>Article 22: Management of proceeds of sale of impounded vehicle</u></p> <p>(1) The proceeds of the sale effected by the owner of the impounded vehicle or of its auction constitute the sole funds applied to cover the costs incurred as a result of the impoundment and any outstanding</p>	<p><u>Article 22 : Gestion du produit de la vente d'un véhicule mis en fourrière</u></p> <p>(1) Seul le produit de la vente effectuée par le propriétaire du véhicule mis en fourrière ou de sa vente aux enchères est affecté à la couverture des frais engagés en raison de la mise en fourrière et des sommes dues au titre du véhicule en</p>

<p>n'imyenda ikibarwaho yerekeye amakosa yo kutubahiriza ikoreshwa ry'umuhanda.</p> <p>(2) Amafaranga avuye mu igurisha rikozwe na nyir'ikinyabiziga cyafunzwe cyangwa mu igurisha ryacyo mu cyamunara ashirwa mu isanduku ya Leta hagamijwe kubanza kwishyura ibyakozwe kubera ifungwa ryacyo n'imyenda yerekeye amakosa yo kutubahiriza ikoreshwa ry'umuhanda, asigaye agahabwa nyiracyo cyangwa umuhagarariye wemewe n'amategeko.</p> <p>(3) Iyo ikinyabiziga kigurishijwe mu cyamunara, uwakigurishije abimenyeshana nyiracyo cyangwa umuhagarariye wemewe n'amategeko mu gihe cy'iminsi itanu ibarwa uherye ku muni cyamunara yabereyeho.</p>	<p>sums due in respect of the vehicle arising from road traffic violations.</p> <p>(2) The proceeds of the sale effected by the owner of the impounded vehicle or of its auction are deposited in the State Treasury for them to be applied first to cover the costs incurred as a result of the impoundment and any outstanding sums due arising from road traffic violations, and any remaining balance is given to the owner or his or her legally authorised representative.</p> <p>(3) When the vehicle is sold by public auction, the auctioneer informs the owner or his or her legally authorised representative thereof within five days of the date of the auction.</p>	<p>raison des violations en matière de circulation routière.</p> <p>(2) Le produit de la vente effectuée par le propriétaire du véhicule mis en fourrière ou de sa vente aux enchères est versé au Trésor public pour son affectation en priorité à la couverture des frais afférents à la mise en fourrière et des sommes dues en raison des violations en matière de circulation routière, le solde éventuel étant remis au propriétaire ou à son représentant légalement autorisé.</p> <p>(3) Lorsque le véhicule est vendu aux enchères, le commissaire-priseur en informe le propriétaire ou son représentant légalement autorisé dans les cinq jours à compter de la date de la vente aux enchères.</p>
<p><u>UMUTWE WA III: IBYEREKEYE UMUYOBOZI W'IKINYABIZIGA</u></p> <p><u>Ingingo ya 23: Kugira uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga n'uburyo bwo kurutanga</u></p> <p>(1) Umuyobozi w'ikinyabiziga utwaye ikinyabiziga kigendeshwa na moteri mu muhanda agomba kugira uruhushya rwo</p>	<p><u>CHAPTER III: DRIVER REGULATION</u></p> <p><u>Article 23: Holding driving licence and procedures for issuance thereof</u></p> <p>(1) A driver who drives a motor vehicle on a road must hold a driving licence authorising the driving of that vehicle.</p>	<p><u>CHAPITRE III : RÈGLEMENTATION DU CONDUCTEUR</u></p> <p><u>Article 23 : Titularité d'un permis de conduire et modalités de sa délivrance</u></p> <p>(1) Un conducteur qui conduit un véhicule à moteur sur une route doit être titulaire d'un permis de conduire autorisant la</p>

<p>kugitwara.</p> <p>(2) Urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu nshingano ni rwo rukoresha ibizamini by'impushya zo gutwara ibinyabiziga bigendeshwa na moteri rukanazitanga.</p> <p>(3) Iteka rya Minisitiri rigena uburyo ikizamini cy'uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga kigendeshwa na moteri gikorwa, imiterere y'uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga n'uburyo rutangwa.</p>	<p>(2) The organ in charge of road safety has exclusive competence to administer driving tests for motor vehicles and issue the corresponding driving licences.</p> <p>(3) An Order of the Minister determines the procedures for the conduct of the driving test for motor vehicles, the form of the driving licence, and the procedures for issuance.</p>	<p>conduite de ce véhicule.</p> <p>(2) L'organe ayant la sécurité routière dans ses attributions est seul compétent pour organiser les examens de conduite de véhicules à moteur et délivrer les permis de conduire correspondants.</p> <p>(3) Un arrêté du Ministre détermine les modalités de passation de l'examen de conduite d'un véhicule à moteur, le format du permis de conduire et les modalités de sa délivrance.</p>
<p><u>Ingingo ya 24: Kwigisha gutwara ikinyabiziga</u></p> <p>(1) Kwigisha gutwara ikinyabiziga bikorwa n'umuntu ufite ishuri ryo kwigisha gutwara ikinyabiziga kandi wabihereye icyemezo.</p> <p>(2) Urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu nshingano ni rwo rureberera rukanagenzura amashuri yigisha gutwara ibinyabiziga.</p> <p>(3) Iteka rya Minisitiri rigena ibishingirwaho mu kwemerera umuntu gushinga ishuri ryigisha gutwara ibinyabiziga, imitunganyirize n'imikorere by'ishuri ryigisha gutwara ibinyabiziga.</p>	<p><u>Article 24: Driving instruction</u></p> <p>(1) Driving instruction is provided by a person who owns a driving school and has obtained an authorisation to that effect.</p> <p>(2) The organ in charge of road safety has exclusive competence to oversee and monitor driving schools.</p> <p>(3) An Order of the Minister determines the requirements for authorising a person to establish a driving school, as well as the organisation and operation of a driving school.</p>	<p><u>Article 24 : Enseignement de la conduite</u></p> <p>(1) L'enseignement de la conduite d'un véhicule est dispensé par une personne qui est propriétaire d'une auto-école et ayant obtenu l'autorisation à cet effet.</p> <p>(2) L'organe ayant la sécurité routière dans ses attributions a compétence exclusive pour assurer la supervision et le contrôle des auto-écoles.</p> <p>(3) Un arrêté du Ministre détermine les conditions d'autorisation d'une personne pour la création d'une auto-école, ainsi que l'organisation et le fonctionnement d'une auto-école.</p>

<p>Ingingo ya 25: Ishyirwaho ry’uburyo koranabuhanga bwifashishwa mu gukurikirana imyitwarire y’umuyobozi w’ikinyabiziga kigendeshwa na moteri hakoreshejwe amanota y’imyitwarire</p> <p>(1) Hashyizweho uburyo koranabuhanga bwo gukurikirana imyitwarire y’umuyobozi w’ikinyabiziga ufite uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga kigendeshwa na moteri hakoreshejwe amanota y’imyitwarire ku mikoreshereze y’umuhanda.</p> <p>(2) Urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu nshingano rukurikirana imyitwarire ku mikoreshereze y’umuhanda, y’umuyobozi w’ikinyabiziga kigendeshwa na moteri ufite uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga, hakoreshejwe amanota y’imyitwarire ku mikoreshereze y’umuhanda.</p> <p>(3) Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo kubara amanota y’imyitwarire ku mikoreshereze y’umuhanda y’umuyobozi w’ikinyabiziga kigendeshwa na moteri ufite uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga.</p>	<p>Article 25: Establishment of merit and demerit point system used to monitor the behaviour of motor vehicle driver</p> <p>(1) There is hereby established a merit and demerit point system used to monitor road traffic-related behaviour of a licenced motor vehicle driver.</p> <p>(2) The organ in charge of road safety monitors road traffic-related behaviour of a licensed motor vehicle driver by means of merit and demerit points.</p> <p>(3) An Order of the Minister determines the procedures for calculating merit and demerit points in relation to the use of the road by a licensed motor vehicle driver.</p>	<p>Article 25 : Création d’un système du permis à points de mérite et de démerite pour contrôle du comportement d’un conducteur d’un véhicule à moteur</p> <p>(1) Il est créé un système du permis à points de mérite et de démerite utilisé aux fins du contrôle du comportement, en matière de circulation routière, d’un conducteur de véhicule à moteur titulaire d’un permis de conduire.</p> <p>(2) L’organe ayant la sécurité routière dans ses attributions assure le contrôle du comportement, en matière de circulation routière, du conducteur d’un véhicule à moteur titulaire de permis de conduire au moyen de points de mérite et de démerite.</p> <p>(3) Un arrêté du Ministre détermine les modalités de calcul des points de mérite et de démerite relatifs à l’usage de la route par un conducteur de véhicule à moteur titulaire d’un permis.</p>
--	---	--

Ingingo ya 26: Kutemererwa gukora ikizamini cy'uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga cyangwa kuruhagarika by'agateganyo ku mpamvu z'uburwayi	Article 26: Disqualification from taking driving test or suspension of driving licence on health grounds	Article 26 : Interdiction de passer l'examen du permis de conduire ou suspension du permis de conduire pour raisons de santé
<p>(1) Urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu nshingano rushobora kutemerera umuntu gukora ikizamini cy'uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga cyangwa kuruhagarika by'agateganyo iyo afite –</p> <p>(a) kutabona guhagije kutakosowe n'indorerwamo zabugenewe;</p> <p>(b) kutumva cyangwa kumva buhoro bikabije kandi ku matwi yombi;</p> <p>(c) indwara y'umubiri ibuza ku buryo bukabije ingingo z'umubiri kuyega neza;</p> <p>(d) cyangwa uburwayi buhungabanya imikorere y'ubwonko.</p> <p>(2) Urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu nshingano ruhagarika by'agateganyo uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga rushingiye kuri raporo ya muganga wemewe na Leta.</p> <p>(3) Iyo umuntu wari ufite uburwayi buvugwa</p>	<p>(1) The organ in charge of road safety may disqualify a person from taking a driving test or suspend his or her driving licence if he or she suffers from –</p> <p>(a) insufficient vision not corrected with appropriate lenses;</p> <p>(b) deafness or severe bilateral hearing loss;</p> <p>(c) a physical condition severely limiting the mobility of body parts; or</p> <p>(d) a medical condition impairing normal brain function.</p> <p>(2) The organ in charge of road safety suspends a driving licence on the basis of a report issued by a recognised medical doctor.</p> <p>(3) Where a person who has suffered from</p>	<p>(1) L'organe ayant la sécurité routière dans ses attributions peut interdire à une personne de passer l'examen du permis de conduire ou suspendre son permis de conduire lorsqu'elle souffre de –</p> <p>(a) une insuffisance visuelle non corrigée par des verres appropriés ;</p> <p>(b) une surdité ou une perte auditive bilatérale sévère ;</p> <p>(c) une condition physique limitant gravement la mobilité des membres du corps; ou</p> <p>(d) une condition médicale altérant le fonctionnement normal du cerveau.</p> <p>(2) L'organe ayant la sécurité routière dans ses attributions suspend le permis de conduire sur la base d'un rapport établi par un médecin agréé.</p> <p>(3) Lorsqu'une personne ayant été atteinte</p>

<p>mu gika cya (1) agaragaje icyemezo cya muganga wemewe na Leta kigaragaza ko uburwayi bwe bwakize cyangwa bwakosowe, ahabwa uburenganzira bwo gukora ikizamini cy'uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga cyangwa akarusubizwa, iyo rwahagaritswe by'agateganyo.</p>	<p>any of the medical conditions referred to in Paragraph (1) submits a certificate issued by a recognised medical doctor attesting to his or her medical condition having been cured or corrected, he or she is allowed to take a driving test or have his or her driving licence reinstated for use where it has been suspended.</p>	<p>de l'une des conditions médicales visées au paragraphe (1) présente un certificat délivré par un médecin agréé attestant que ladite condition médicale a été guérie ou corrigée, elle est autorisée à passer l'examen du permis de conduite ou à obtenir le rétablissement de son permis de conduire pour utilisation s'il a été suspendu.</p>
<p>(4) Iteka rya Minisitiri rigena –</p> <p>(a) uburyo bwo kutemerera umuntu gukora ikizamini cy'uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga kubera impamvu z'uburwayi;</p> <p>(b) uburyo bwo guhagarika by'agateganyo uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga kubera impamvu z'uburwayi;</p> <p>(c) n'ibipimo by'indwara zivugwa mu gika cya (1) bishingirwaho kugira ngo umuntu ntiyemererwe gukora ikizamini cy'uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga cyangwa uruhushya rwe ruhagarikwe by'agateganyo.</p>	<p>(4) An Order of the Minister determines –</p> <p>(a) the procedures for disqualifying a person from taking a driving test on health grounds;</p> <p>(b) the procedures for suspending a driving licence on health grounds; and</p> <p>(c) the degrees of severity of the medical conditions referred to in Paragraph (1) that form the basis for disqualification of a person from taking a driving test or for suspension of his or her driving licence.</p>	<p>(4) Un arrêté du Ministre détermine –</p> <p>(a) les modalités d'interdiction faite à une personne de passer l'examen de conduite pour raisons de santé ;</p> <p>(b) les modalités de suspension du permis de conduire pour raisons de santé ; et</p> <p>(c) les degrés de gravité des conditions médicales visées au paragraphe (1) servant de base à l'interdiction faite à une personne de passer l'examen du permis de conduire ou à la suspension du permis de conduire.</p>
<p>(5) Umuyobozi w'ikinyabiziga ufite uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga rwahagaritswe by'agateganyo</p>	<p>(5) A driver whose driving licence has been suspended under this Article shall not drive any vehicle until the suspension</p>	<p>(5) Un conducteur dont le permis de conduire a été suspendu en vertu du présent article ne peut conduire aucun</p>

<p>hakurikijwe ibiteganywa n'iyi ngingo, ntiyemerewe gutwara ikinyabiziga igihe cyose atararusubizwa.</p> <p><u>Ingingo ya 27:</u> Guhagarika by'agateganyo uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga kubera imyitwarire y'umuyobozi wacyo ku mikoreshereze y'umuhanda</p> <p>(1) Urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu nshingano rushobora guhagarika by'agateganyo uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga kubera imyitwarire y'umuyobozi wacyo ku mikoreshereze y'umuhanda.</p> <p>(2) Umuyobozi w'ikinyabiziga wahagarikiwe by'agateganyo uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga kubera imyitwarire y'umuyobozi wacyo ku mikoreshereze y'umuhanda ntiyemerewe gutwara ikinyabiziga mu Rwanda n'iyi yaba afite uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga rwo mu kindi gihugu.</p> <p>(3) Iyo igihe cyo guhagarika by'agateganyo uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga kubera imyitwarire y'umuyobozi wacyo ku mikoreshereze y'umuhanda kirangiye, rwongera gukoreshwa.</p>	<p>has been lifted.</p> <p><u>Article 27:</u> Suspension of a driving licence on grounds of driver's road traffic-related behaviour</p> <p>(1) The organ in charge of road safety may suspend a driving licence on grounds of the driver's road traffic-related behaviour.</p> <p>(2) A driver whose driving licence has been suspended on grounds of his or her road traffic-related behaviour is not allowed to drive any vehicle in Rwanda, notwithstanding that he or she holds a driving licence issued in another country.</p> <p>(3) Upon expiry of the period of suspension of the driving licence on grounds of the driver's road traffic-related behaviour, the driving licence is reinstated for use.</p>	<p>véhicule à moteur tant que la suspension n'a pas été levée.</p> <p><u>Article 27 :</u> Suspension du permis de conduire pour motifs liés au comportement du conducteur en matière de circulation routière</p> <p>(1) L'organe ayant la sécurité routière dans ses attributions peut suspendre un permis de conduire pour motifs liés au comportement du conducteur en matière de circulation routière.</p> <p>(2) Un conducteur dont le permis de conduire a été suspendu pour motifs liés à son comportement en matière de circulation routière n'est pas autorisé à conduire un véhicule au Rwanda, même s'il est titulaire d'un permis de conduire délivré dans un autre pays.</p> <p>(3) Lorsque la période de suspension du permis de conduire pour motifs liés au comportement du conducteur en matière de circulation routière arrive à expiration, le permis de conduire est rétabli pour utilisation.</p>
---	---	--

<p>(4) Iteka rya Minisitiri rigena ibishingirwaho mu guhagarika by'agateganyo uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga kubera imyitwarire y'umuyobozi wacyo ku mikoreshereze y'umuhanda n'igihe bimara.</p> <p><u>Ingingo ya 28: Gutesha agaciro uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga</u></p> <p>(1) Gutesha agaciro uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga bikorwa n'urukiko rubifitiye ububasha, bisabwe n'urwego rufite kurinda umutekano wo mu muhanda mu nshingano.</p> <p>(2) Iyo uruhushya rwateshejwe agaciro nyirarwo ntiyemerewe kongera gukora ikizamini cy'uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga mbere y'amezi 12 abarwa uherye ku munsu urukiko rubifitiye ububasha rwafatiye icyemezo cyo kurutesha agaciro.</p> <p>(3) Iteka rya Minisitiri rigena ibyo urukiko rubifitiye ububasha rushingiraho mu gutesha agaciro uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga.</p>	<p>(4) An Order of the Minister determines the grounds for and duration of the suspension of a driving licence imposed for the driver's road traffic-related behaviour.</p> <p><u>Article 28: Revocation of a driving licence</u></p> <p>(1) Revocation of a driving licence is ordered by a competent court upon application by the organ in charge of road safety.</p> <p>(2) A person whose driving licence has been revoked is not eligible to take another driving test before the expiry of 12 months from the date of the competent court's decision to revoke his or her licence.</p> <p>(3) An Order of the Minister determines the grounds on which the competent court revokes a driving licence.</p>	<p>(4) Un arrêté du Ministre détermine les motifs et la durée de la suspension du permis de conduire imposée pour motifs liés au comportement du conducteur en matière de circulation routière.</p> <p><u>Article 28 : Révocation du permis de conduire</u></p> <p>(1) La révocation d'un permis de conduire est ordonnée par la juridiction compétente sur requête de l'organe ayant la sécurité routière dans ses attributions.</p> <p>(2) Une personne dont le permis de conduire a fait l'objet d'une révocation n'est pas éligible à passer un autre examen du permis de conduire avant l'expiration d'un délai de 12 mois à compter de la date de la décision de révocation rendue par la juridiction compétente.</p> <p>(3) Un arrêté du Ministre détermine les motifs de révocation, par la juridiction compétente, d'un permis de conduire.</p>
--	---	---

<p>UMUTWE WA IV: IBYEREKEYE IKINYABIZIGA KIGENDESHA NA MOTERI</p>	<p>CHAPTER IV: MOTOR VEHICLE REGULATION</p>	<p>CHAPITRE IV : RÉGLEMENTATION DU VÉHICULE À MOTEUR</p>
<p><u>Ingingo ya 29:</u> Ikinyabiziga kigendeshwa na moteri cyemerewe gukoresha umuhanda mu Rwanda</p>	<p><u>Article 29:</u> Motor vehicle authorised for use in road traffic in Rwanda</p>	<p><u>Article 29 :</u> Véhicule à moteur admis à la circulation routière au Rwanda</p>
<p>(1) Ikinyabiziga kigendeshwa na moteri cyemerewe gukoresha umuhanda mu Rwanda ni icyanditswe mu Rwanda kandi gifite ibikiranga n’icyanditswe mu kindi gihugu kandi gifite ibikiranga byatanzwe n’igihugu cyandikiwemo hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>(2) Imodoka yandikwa mu Rwanda ni ifite icyuma kiyobora ku ruhande rw’ibumoso uretse –</p> <p>(a) imodoka yakorewe abafite ubumuga;</p> <p>(b) ikamyo y’ubwikorezi ifite ubushobozi bwo kwikorera nibura toni 20;</p> <p>(c) bisi itwara abagenzi ku buryo bwambukiranya imipaka;</p>	<p>(1) A motor vehicle authorised for use in road traffic in Rwanda is a motor vehicle that is registered in Rwanda and bears identification marks and a motor vehicle that is registered in another country and bears identification marks issued by the country of registration in accordance with the relevant legislation.</p> <p>(2) A car eligible for registration in Rwanda is a left-hand-drive car, except for –</p> <p>(a) a car designed for persons with disabilities;</p> <p>(b) a transport truck with a carrying capacity of at least 20 tonnes;</p> <p>(c) a bus used for cross-border passenger transport;</p>	<p>(1) Un véhicule à moteur admis à la circulation routière au Rwanda est un véhicule à moteur immatriculé au Rwanda et muni de signes d’identification ainsi qu’un véhicule immatriculé dans un autre pays et muni de signes d’identification délivrés par ce pays conformément à la législation en la matière.</p> <p>(2) Une automobile admise à la circulation routière au Rwanda est celle ayant un volant à gauche, sauf pour –</p> <p>(a) une automobile conçue pour les personnes handicapées ;</p> <p>(b) un camion de transport ayant une capacité de charge d’au moins 20 tonnes ;</p> <p>(c) un autobus de transport transfrontalier de passagers ;</p>

